

ISIBO

N° 34

9 au 15 Décembre 1991

Editeur : Agence KIGALI Press

Année 2

B.P. 2258 KIGALI

Hebdo Indépendant

Rédacteur en chef : SINDIKUBWABO Emmanuel

IGITERO SHUMA CYA MRND MU NDUGA

INTARE NYIR'ISHYAMBA:
UMUNSI YAHUYE N'AKAVURA KA
RUKOKOMA UMUGARA WAYO
UZAGWA.



Photo ORTFN

SONARWA RUSAHUZI

MILYONI ZIRENGA 500
ZARI MURI BNR
BAZIMIZE BUNGURI!



KUVUGURURA MRND NI NKO GUTOKORA IFUKU

TAKEZWA

	RWANDA	BURUNDI	AFRIQUE	EUROPE ASIE AMERIQUE
Numéros	1200 F	2000F	2500F	5000F
Années	2400F	4000F	5000F	10000F

100Fr.

ADERESI Y'IFATABUGUZI.

Journal ISIBO
Bureau Central (de Kigali)
B.P. 2258 KIGALI
Compte C.E.R. KIGALI 17125/35801-02.06 C.E.R. KIGALI.

Journal ISIBO
Bureau régional
B.P. 20 GIKONGORO
B.P. 20 GIKONGORO

IGITERO-SHUMA CYA M R N D MU NDUGA:

Ku wa 08 UKUBOZA 1991 ku ako ryo ku GIKONGORO (KABACUZI) hateraniye abantu benshi turimba ibigwi bya HABYARIMANA abategetsi bwe n'ishyaka rye!

Koko nk'uko twari twababwiye ko uwo muni w'akamarantimba wari ugamije tumurikira abavantara amatungo abanyaga GIKONGORO umushumba wegeranije.

Koko uwo muni warahebuje cyane. Twakurikiranye imyiteguro y'ubwo bakwe, turabutaha ndetse duherekeza abakweturubageza i KIGALI. twaganiriyeye na bamwe mu bakwe bakuru dusanga urugendo bakoreye ku GIKONGORO ari akamarantimba.

MYITEGURO

Mu nama SIMBA yatumiye y'Abayoboke ba M R N D baba i KIGALI ku wa 22 ugushyirye 1991 niho amabanga yose yateguriwe. habonetse abantu 13 bonyine noncho bahabwa gahunda iteye aya:

- Buri mu Burugumesitiri azazana abantu 30;
- Abacuruzi bazaduha imodoka tubaguire Lisansi;
- Minitrape izatwubakira igisharagati maze BINIGA azane amahema yo gutwikira azava muri croix rouge;
- Iby'amapikipiki nzabyikorera hamwe no kwakira abashyitsi;
- Abazavugaga amagambo tuzababwirira mu muni iri imbere.

Hagati aho yabasabye kwiga amadosiye y'abantu bo muri M D R kugira ngo bazabaharabike. Kuwa 29/11/1991 mu nama Perezida wa M R N D yakoranye n'abahuzabikorwa bya M R N D mu ma Perefegitura, bavuze ko kugira ngo barangize ikibazo KIGANDUGA, abayoboke ba Muvoma bagomba guterana inkunga maze ahabaye inama hose bagahurura.

Niko byagenze ku GIKONGORO. Twageze ku GIKONGORO ku wa 07/12/1991, tujya kureba aho SIMBA yagombaga kwakirira abashyitsi muri Satazi yibisharagati bubatse. Twasanze amahema arunze aho, dusanga abakozi ba MINITRAPE bayobewe n'UMUKIGA RUKASI ushinze iby'umyubakire muri GIKONGORO, wunganiraga SIMBA

mu gukoresha abo bapagasi, arira ngo amaze ibyumweru bibiri yubaka igisharagati.

Ibiti bubakishije byavuye mu mashyamba ya Leta yo muri Komini NYAMAGABE na MUDASOMWA bitundwa n'amamodoka ya Komini na Beni ya Perefefe HABYAMBERE isigaye yinywera Mazutu ya Leta yose igenerwa GIKONGORO ikanakora ibiraka byose byo muri ako gace.

Igisharagati abakozi ba Leta bacyubatswe ibyumweru bibiri byose.

SIMBA kandi yakodesheje amapikipiki 14 y'i BUTARE, 13 ku GIKONGORO na 11 z'i KIGALI. Yatanze utugoforo, udutambaro twa Muvoma turenze 300 atanga n'imidari ya HABYARIMANA itabarika. Yaguze n'ibigage byose byari bihari maze ubukwe burataha. Ntiyibagiwe abakaraza ba BIKINDI baraye bahubanganya GIKONGORO.

ABASANGWA.

Mu by'ukuri n'ubwo buri mu Burugumesitiri yagombaga kuzana abantu kimwe n'abakuru b'imishinga ikorerera muri GIKONGORO, ba kavukire ntibabaye benshi nk'uko twabitekerezaga. Abaturge b'i NYAMAGABE bagiye ahitwa ku KARAMBI (KINYAMAKARA) kuko M D R yahakoresheje mitingiri.

Abanyamatsiko na bo barahuruye maze SIMBA ati: dore abanya GIKONGORO nababwiraga! Bose ntibashakira RUKOKOMA barashakira AMATORA.

ABATURUTSE I

KIGALI

Twabaruye amamodoka arenga 90 harimo aya Leta n'ay'ibigo Leta yashyizemo imari hafi 70. Twahabonye iza ELECTROGAZ nka Minibusi ya BENZ A: 57.62, bya OTOBISI 2, iza ba Minisitiri NSANZIMANA, MBANGURA, NGIRUMPATSE, NZABONIMANA, NYANDWI, iya Perefefe BUCYIBARUTA w'i KIBUNGO, izo muri Gaz Methane nka

IT 12.99, iy'isanduka y'ubwiteganyirize bw'abakozi A: 72.86, izo muri Minisitiri y'ububanyi n'Amahanga n'izindi nyinshi nka A: 35.61, A: 72.90, A: 72.31, A: 82.91, A: 76.87, A: 84.99, iza OVIBAR, iza TABARWANDA n'izindi. Izindi zari zahuruye ni iz'abanya GISENYI n'abanya RUHENGARI baba i KIGALI benshi. Mu zindi modoka za Leta zagakoze twavugamo A: 86.22 (Ocir Thé NSHILI-KIVU), A: 72.51 (Minitrape), A: 62.37, A: 78.87, A: 69.13; A: 84.07; A: 62.20, A: 90.99, IT: 34.97, A: 70.24; A: 52.47, A: 84.65, A: 61.47, A: 78.33, A: 76.73, A: 64.00, A: 84.99, A: 63.59 (OVIBAR), A: 86.89, A: 77.29 (CZN), A: 35.61, A: 72.90, A: 72.31, A: 82.91, A: 76.87, n'iz'amakomini ya GIKONGORO 13, iya Komini MARABA kwa HABINEZA GAFARANGA yazanye abantu nka 30. Buri mushinga ukorera ku GIKONGORO wohereje imodoka 4. Ariko uw'icyayi wo ku KITABI urayihiga wohereje amakamyi, amapikipiki na BANGAHEZA n'abakozi bose.

BAGIZE ISONI ZO GUSAHURA LETA

Abantu babikurikiye babonye ko uretse imodoka zitwara ABAKIGA b'i KIGALI bahagaritse aho ku mihanda ngo zishiture ABATEBO abandi bagiye kuzihisha:

- mu rugo kwa Perefefe hari imodoka 21.
- Ku irembo rye hahagaze imodoka 63.
- Kuri Komini NYAMAGABE bahahishe 14. Mu bigunda hafi ya OPROVIA bahahishe 9.

INTEKO Y'ABANEGURANYI

Inama ya M R N D yari RUKOKOMA yo kwereka abanya GIKONGORO ko bakomeye, ko bafite amafaranga, imbaraga n'uburakari. Byagaragajwe n'amagambo ya SIMBA, BINIGA, MBANGURA na KAREMERA bibasira abanyamakuru cyane cyane MUSANGAMFURA bavugaga ko ari umusazi. Hari n'uwavuze ati nimuhagurukira ntazongera kwandika. Hari n'uwasize umugani ati: mudufashe twe na HABYARIMANA twisabire amatora!

ibeshya konibatayja muri MRND ari ha handi izatsinda kandi ikabategeka! Ngo yarize abatamuzi bakekaga ko umundagiyey! Ariko ngo ni muzima da!

ISHYAKA P L RYARI RIHAGIRIYE INGORANE

P L yari yakoresheje mitingiri i BUTARE maze ibyago byayo ihurirana na MRND ivuye kuboha GIKONGORO.

Agatagisi bari bafite kagiye mu muhanda aba "jeunes" ba MUVOMA barakagota bati izi NKOTANYI ni ukuzimara! Bati dore ni Abatutsi gusa! N'ibindi. Hari Umurungu wari kumwe na P L yahise yiruka aya kwihisha mu nzu ya FAUCON cyangwa yenda n'ubu aracyiruka!

Ubwo barasatiranye maze bakizwa umugabo zatabaye ni ngoga. Aba G.D baje bafite za matraque, imbunda na bya bagetero bisura nabi.

Cyakora umwuka wari mubi cyane ku buryo hari Umuminisitiri wa fashe NKOTANYI imwe " arayicira imuha umushyi ati " izi mbwa nitutazimara zizadukorerera ishyano " Ubwo P L yahise yigira muri FAUCON ariko insore sore zo ku mpande zombi zikomeza kurebana umugabo, zitukana bicika. Ariko se ko P L yari yakoresheje inama bayihoraga iki?

MDR NAYO BARI BAYIHITANYE!

Kubera ko umuhanda wose wagowe n'abaturage bo mu mashyamba atari MRND bayirukaga bumu abandi bariramba ngo:

TURASHAKA RUKOKOMA niyo imubisobanura

Imisanzun'imisoro ni byo byubatse

Rebero n'ibindi ...

Uvuye aho: MRND zinga akarago wigire mu BUSHIRU ...

Byari ibicika!

Hari Umurwanashyamba washyize mikoro ku modoka azenguruka aririmba turashaka RUKOKOMA, n'ibigwi by'aba Parmchutu. Ageze ku ndirimbo yafurari ya Demokarasi nibwo ibendera yari afiteku modoka barikuyeho, baravunagura barajugunya.

Iyo umugabo zitaza kari kabaye!

Aba MRND bagiye ku ruhande rumwe aba MDR bajya ahandi barakurukana. Uwitwaga RUNYINYA wigize umuhungu niwe wenyine watinyutse kuva muba MDR. Yinjiye muri Hotel

Faucon aya ubureti nka 200 arenzaho za Mitsingi ebyiri, arangije acengeza amatwara. Hari igisare cyari kimusandajye haba abagabo. Twarabajije batubwirako iteka iyo yanyoye ari uwo kwitonderwa.

Mu mugwi i BUTARE haraye umwuka mubi cyane ku buryo twari twagize ubwoba ko abantu baza gusubiranamo. Abaturage bake b'i BUTARE twabajije baravugaga ngo: "baje iwacu ku twita Inkotanyi"! Dore andi mashyamba yagiye iwabo mu RUHENGURI barabakubita none iwacu barigendera nk'abari mu rwishe nyirarwo.

GITARAMA: AHARI INKOTANYI TUZAGAZIMYA

Icyo gitero kivuye i BUTARE cyagiye gisakabaka ahokinyuze hose rubanda bagahurura, amaruru aka vuga maze abakuru bibuka igihe INZIGE zateraga zikayogozza igihugu. Umuriri w'ibyo bihangange wateye benshi ubwoba. N'abarwanashyamba ba MRND bo mu cyaro babonaga bitari mu rwego rwabo (c'était écrasant, impressionnant mais pas vraiment populaire! Pas Rwandais quoi! Nous a dit un Fonctionnaire de GITARAMA, membre du MRND).

Bageze i GITARAMA karabayeye! Abarwanashyamba ba MDR bahuruye bakoma akamu noneho aba MRND bumvise RUKOKOMA n'AKAZU k'ABASHIRU bararakara bashinguzza ibendera rya MDR ntawamenya aho bakuye irya P L maze bayatwikirira kuri Stadi ya Demokarasi aho bahambye Umurwanashyamba Dominiko MBONYUMUTWA. barayatwitse bagira bati: " Ahari Inkotanyi hose tuzahazimya"! Abanya GITARAMA bashya ubwoba barihinda bavugaga bati ababantu baje ari simusiga. Imodoka y'abanyamakuru bo mu ISIBO yahageze amaruru avuga, bamwe bavuye gushyamba amahiri, udufuni, imihoro, n'amabuye bavugaga bati batwice twirwanyeho.

N'uko igitero kiragenda amaterekampfizi, turagiherekeza tukigeza i KIGALI. Aho cyanyuraga hose barahururaga. Abo kuri za Bariyeri nibwo bagowe gusa! Ese buriya INKOTANYI ziteye zifite amabara ya MRND ntizahita zidufata tutarabutswe? Abanyamashyamba bagomba kwemera kwubahiriza amabwiriza ajyana na za Bariyeri. Ntibigire indakoreka nk'aho atari Abanyarwanda.

KIGALI: NYAMIRAMBO NAYO N'IBYITSO.

Abatabizi bari bavuye kuboha GIKONGORO bageze NYABUGOGO bazamuka umuhanda wa KADHAFI bahinguka i NYAMIRAMBO imodoka zirenga ijana zigishoreranye n'amapikipiki, amatara meza n'amahoni. NYAMIRAMBO yahise ihurura, baje basanga ni MRND. Bamwe bati: HOSHI, HOSHI, HOSHI! Ba basore b'ABASHIRU bati hano naho ni IBYITSO gusa!

Bageze ahitwa kuri PODIUM bahigaragambya akanya, barigendera bakomeza kwiyereka umugi.

ICYO; ICYO GITERO CYAMARIYE RUBANDA.

Abaturage babonye ko MRND ariishyamba rikaze, rifite ingufu n'amahane. Babonye ko ari ishyamba riri ku butegetsi rikaba rigizwe ahanini n'ABAKIGA bo mu KAZU n'abandi bagatamba inyuma, bo mu duce twose tw'igihugu. Babonye ko umutungo wa Leta unyerezwaga mu ishyamba kubera amamodoka ya Leta n'ibikorere byayo. Babonye ko ari ishyamba ririmo

abakire benshi ariko bo mu KAZU. Abanyeshyamba bamanuye i KIGALI bagiye n'imodoka za Leta n'aho abandi bamanukana za Pajero, za Benzi, za Renault, za Peugeot za bo. Nko ku GIKONGORO babonye ko ahandi hari abana bakize koko ku buryo hari abarebaga SIMBA avugaga bakamuhema, banyana inzara. Maze aho MBANGURA yavuye ngo utahakwa n'abagabo se yakurikira nde, baraseka barakwenkwemuka! None se ko abenshi bategekwe n'inda koko bizagenda bite?

Gusuzugurura no gushyirira ubukotanyi abatari muri MRND, Abatutsi n'Abanya NDUGA na byo byatumye benshi bagira ubwoba, ku buryo hari uwavuye ngo iri ishyamba ry'ABAKIGA ryaretse tugahumeka koko?

Tuzakurikirana ibindi bitero bazagaba hirya no hino tubabwirira uko byifashe.

UBWANDITSI.